# IBISUBIZO KU KIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI Y'ISUMBUYE, 2015

## Igice cya mbere: gusoma no gusesengura umwandiko

1. Ibintu bine bigaragaza ko umuco wacu wihariye ni:
   - Ubwisanzure bw'umuntu mu bandi
   - Ururimi
   - Ubuvanganzo
   - Uguhererekanya ibyagezweho ,

Indirimbo

Imbyino

Imyuga

Ububahose bw'Imana

2. Umuntu ashobora kwisanzurira:
   - Mu bandi
   - Mu muryango we bwite
   - Mu mirimo inyuranye ya buri munsi

3. Umugani uri mu mwandiko ugaragaza ubufatanye n'ubucuti ni: **"Akebo kajya iwa Mugarura"**
4. Imirimo yashimangiraga ubucuti n'ubufatanye abanyarwanda bashoboraga guhuriramo ni:
   - Ubudehe
   - Umusanzu
   - Umuganda
   - Gutonoora
   - Gusangira

- Kunywana
- Kurya kumbuto nkuru

5. Imbuto abanyarwanda bitaga nkuru ni:
   - Uburo
   - Amasaka
   - Isogi
   - Inzuzi

6. Ingero ebyiri z'imigenzo ivugwa mu uri uyu mwandiko, harimo:
   - Kubandwa
   - Guterekera
   - Gutonoora
   - Kurya ku mbuto nkuru
   - Kunywana
7. Ikerekana ko kuva na kera abanyarwanda bubahirizaga ihame ry'uburinganire bw'ibitsina byombi ni uko bigishaga abana b'ibitsina byombi ibanga ry'ubukesha n'ubumenyangiro
8. Ikigaragaza ko ururimi rufite uruhare runini mu bumwe bw'igihugu ni uko biri no mu ndirimbo yubahiriza igihugu cyacu, aho bagira bati:**"umuco dusangiye uraturanga, ururimi rwacu rukaduhuza,.."**
9. Imana ntibura mu buzima bwa buri munsi bw'abanyarwanda kuko:
   - Iba mu ndahiro zabo

     **Urugero:** -Ku izinary'Imana

     -Ni ukurikw'Imana

   - Bita amazina ayerekeyeho

     **Urugero:** Habimana, Hitimana, Harerimana, Bizimana,…

10. Imigani( itatu) yerekeye ku Mana:

- Imana ihora ihoze
- Imana yiririwa ahandi igataha i Rwanda
- Imana irema umutindi ni nayo imwogosha
- Imana irebera imbwa ntihumbya
- Iraguha ntimugura, iyo muguze iraguhenda
- Imanay'inka iba ku iriba

11. Ingero (eshatu) z'abantu bari bashinzwe imirimo i bwami ni: abasizi, abisi, abiru, impara, abacurabwenge

**B. Inyunguramagambo**

12. Gusobanura amagambo

a) Imbumbe rukumbi: ikintu kiri hamwe kidashobora gucibwamo ibice/ gutandukanywa
b) Ubuvanaganzo: imikoreshereze inozey'ururimi ibyara ibihangano nyemvugo na nyenyandiko
c) Ntiyabyinubiraga : ntiyabyangaga, ntiyashidikanyaga kubikora
d) Gisigure: kimare igihe kirekire, kibeho igihe cyose
e) Amahina : igihe gikomeye cy'urugamba
f) Kunywana, guca ku nda: ni umuhango wo kunywana amaraso hagatiy'abantu babiri bikaba ikimenyetso n'igihango cy'ubucuti buzahoraho hagati yabo, uhemutse akagira ibyago bikomeye, akabayanapfa.
g) Ubukesha: uburyo bwo kumenya kubaho ubana neza n'abandi no gukoresha neza ubumenyi wungutse
h) Ibikôre:ni umutwe w'abantu babaga i bwami bashinzwe guhimba no kuririmba indirimbo z'ingabo
i) Kwishyamanganza: kwigaragaza uko utari, kwishyira hejuru,gushyomoka.
j) Kuyongobera: kuzimirira,gushirira,kubûrira

C) **Impuzanyito**

13. a) Umucow'abantu ukomoka ku **rusobe** rw'ibintu byinshi

b) Imirimo abanyarwanda bakoraga **yashimangiraga** ubufatanye

c) Ikinyarwanda **kiva inda imwe** n'ikirundi n'igiha

**D. UBUVANGANZO N'UBUMENYI RUSANGE**

14. Kwica ibisakuzo.

a) Nahize mu mpinga nsarura mu gipfunsi

➢ **Umusatsi**

b) Akayuriyuri ka ntibakirana inshuti y'urupfu

➢ **Ibitotsi**

15. Kuzuza imigani

a) Ahatuma ibiziba uhatega **Kanama na Nyakanga**

b) **Abo umwami yahaye amata** nibo bamwimye amatwi

c) Abasangira ubusa **bitana ibisambo**

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO**

16. Ubwoko bw'amagambo

a) **Mu:**indangahantu

**Bandi:**ikinyazina ndafutura

b) Nyarwanda: igisantera

Kare: ingera(umugereka)y'igice

Ufite:inshinga nkene/mburabuzi

c) Rwacu: ikinyazina k'inyunge(ngenerangenga)

Ubumwe:izina rusange

17. Intêgoy'amagambo

a) Ubuhinzi: u-bu-hing-yi g+y ⟶ z

b) Ubworozi:o-bu-or-ur-yi u ⟶ w/-j

U ⟶ O/co¯

U ⟶ O/Z O¯

u-bu-oror-yi r+y ⟶ z

c) Basanze: ba-a-sang-ye g+y ⟶ z

Umurwayi:u-mu-rwar-yi +y ⟶ y

Umupfu: u-mu-pfu-u u ⟶ ø/-j

Bombi: ba-o-mbi a ⟶ o/-j

c)Rwateje: ru-a-ta-ir-y-ye

u ⟶ w/-j

r+y ⟶ z

z+y ⟶ j

Byinshi: bi-inshi : i ⟶ y/-j

d) inzangano: i-n-ang-an-o igicumbi gifata z mu nt.10

18. ibicumbi by'amagambo

a) Ubukwe:-ko-

Umwe:-mwe-

Twarazwe:-rag-

b) Mwiza:-iza-

Ntibishyikirwa:-shyik-

19. Intêeko na ngenga:

a) Ndagiye:ng.1 bu
   Ntimuzanshake:ng. 2 bw

b) impyisi: nt.9
   ubupfura:nt.14

c) indi: nt.4

20. Gutandukanya amagambo hakoreshejwe ubutinde n'amasaku:

a) kuroongora ‡kuroongoora
b) guhera ‡ guhêra
c) gutûma ‡gutuuma
d) gushyîra ‡ gushyîira
e) amafû ‡amafu

21. Guhêererekanya ibyâagezwehô na byo nî ingirakamaro mu buzima bwacu bwa buri muûnsi bw'âbanyarwaanda bôose

## IGICE CYA GATATU: IMYANDIKIRE Y'URURIMI

22. Kwandika neza amagambo

a) nimunsi
b) ejobundi
c) i saa tanu

23. Amagambo arimo igihekane "dw"

- Kudagadwa
- Kudwinga
- Madwedwe

24. Akuguruzo n'akugarizo kamwe dukoreshwa iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi.

**Urugero:** Umwami ati: "Ndashaka ko 'rusarika umwanzi wagungiye ku nkiko' aza hano"

25. Interuro ibaza itangirwa n'inyuguti nkuru igasozwa n'akabazo.

Urugero: Wiga mu mwaka wa kangahe?

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO**

a) **Imbata**:-umutwe
-intangiriro
-Igihimba
- umusozo

b) **Isuku n'imigaragarire**

c) **Uburebure bwasabwe:** -umubare w'amagambo
-umubare w'imirongo

d) **Imyandikire**

e) **Inozamvugo:**kutavanga indimi,imibare n'ibimenyetso

f) **Ingingo:** Gutanga ingingo+kuyisobanura neza

a) **Uruhare rw'umugore mu muco nyarwanda**

- Umugore arera abana akabatoza umuco
- Umugore atega urugori bikaranga umuco
- Umugore yakira abashyitsi bikaranga umuco
- Umugore yakira abashyitsi bikaranga umuco
- Umugore acunda amata
- Umugore aca icyaârire
- Umugore yubaha umugabo we

b) **Ishuri riyobowe neza kandi ryishoboye ritsindisha abanyeshuri benshi**

- Iryo shuri riba rifite ibikoresho bihagije
- Iryo shuri riba rifite abarezi babishoboye
- Iryo shuri ryakira abanyeshuri b'abahanga
- Iryo shuri riha abanyeshuri imibereho myiza
- Ubusabane hagati y'abayobora n'abayoborwa buteza imbere imikorere myiza bikagera no ku banyeshuri
- Abanyeshuri bagira ikinyabupfura gituma bakurikira neza amasomo
- …

**-IHEREZO-**